IHINDURANYA (MUTATION) RY'IKINYABIZIGA

HIFASHISHIJWE IKORANA BUHANGA

INTANGIRIRO

Mu rwego rwo kworohereza abifuza gukora ihinduranya ry'Ibinyabiziga, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyabashyiriyeho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhinduranya ibinyabiziga, Ibyo bikorwa mu buryo bukurikira:

1. KWINJIRA KURUBUGA RWA RRA

- Jya kurubuga **www.rra.gov.rw**
- Kanda ahanditse **"Pay Domestic Taxes here"**
- Fungura ukoresheje **TIN** yawe n'ijambobanga
- Kanda ahandtse **"Motor vehicle"**
- Hanyuma ukande ahanditse **" Ownership transfer"**

Iyo nta Jambobanga ufite:

a) Wararyibagiwe

- ☑ Kanda ahanditse **"Get password"**
- ☑ Wuzuzemo Tin yawe na E-mail cyangwa Telephone watanze wiyandikisha (Telefone igomba kuba yanditse itya:07...../cyangwa 2507...)
- ☑ Uhita wohererezwa umubare w'ibanga kuri telephone cyangwa email watanze.

b) Ntiwigeze ugira Ijambo banga

- ☑ Kanda ahanditse **" Sign up"**
- ☑ Uzuza ahabugenewe; **TIN** yawe, Inomero y'indangamuntu na nomero ya telephone watanze wiyandikisha
- ☑ Uhita wohererezwa ijambobanga kuri telephone yawe

2. GUSABA GUHINDURANYA

- Kanda ahanditse **"Ownership transfer"**
- Uzuza no ya Plaque ushaka gusabira ihinduranya
- Kanda kuri **"submit"**
- Uzuza ibisabwa bikurikira :

- **Tax Office** (Aho mushaka kuzakorera ihinduranya)
- **Reason type** (Impamvu y'ihinduranya)
- **Date of sale** (Itariki waguriyeho)
- **Date of transfer** (Itariki mwifuza gukoreraho ihinduranya)

- Omekaho (Upload) ibyangombwa byose bikenerwa muguhinduranya:
- Ku bari barasabye mutation mbere, bakanda ahanditse "View ownership transfer request" hanyuma bakuzuzaho ibyo byangombwa.

- **Ibo byangombwa ni:**

Kumuntu kugiti cye:

- Amasezerano yubugure ariho umukono wa noteri
- Fotokopi y'indangamuntu (cyangwa pasiporo kubanyamahanga) by'uwaguze n'uwagurishije
- Ubwishingizi, kubinyabiziga bikora imirimo ibyara inyungu.

Kuri Sosiyete:

- Amasezerano yubugure ariho umukono wa noteri
- Registre de commerce itangwa na RDB
- Icyemezo cyo kugurisha (Kiriho umukono wabagize sosiyete)
- Ubwishingizi, kubinyabiziga bikora imirimo ibyara inyungu.R GR

- Uzuza Tin y'uwaguze: Uhita ubona ubutumwa bugufi burimo umubare (OTP).
- Iyo wujuje wamubare ahabugenewe, ukanda ahanditse "submit" ugahita ubona impapuro wishyuriraho amafranga ya mutation (Payment Stub)

Igenzura ry'ikinyabiziga (Checking/Inspection):

- Iyo umaze kwishyura amafranga ya mutation ubona ubutumwa bugufi bugusaba kujyana ikinyabiziga cyawe muri checking.
- Iyo umazegukorerwa checking , **ubona ubutumwa bugufi bugusaba gutegereza igisubizo (kwemererwa cyangwa Guhakanirwa)**

3. IHINDURANYA (MUTATION)

- Mutation y'ikinyabiziga cyawe ikorerwa ku biro bya RRA wihitiyemo ugisaba.
- Iyo ubusabe bwawe bwemewe, , ubona ubutumwa bugufi bugusaba kujya aho wahisemo gukorera mutation, gutwara carte jaune na plaque bishya. Witwaza ibishaje
- Iyo bibaye ko ubusabe bwawe butemerwa, ubona ubutumwa bugufi bugusobanurira ibibura.
- Kubasabye gukorerwa mutation I Kigali, bajya ku biro bya RRA bihereye I Masoro muri Parc industriel gufatayo plaque na carte jaune

RRA
@rrainfo
Rwanda Revenue Authority
Rwanda Revenue
Rwanda Revenue
HERE FOR YOU
TO SERVE